No 214 Nyakanga 2018

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## DEMOKARASI NYAYO ISHINGIRA KU MAHITAMO Y'IGIHUGU

Ibi n'ibyagarutsweho mu kiganiro mbwirwaruhame cyanyuze kuri Televiziyo y'u Rwanda ku wa 01/7/2018, itariki u Rwanda rwizihizaho umunsi rwaboneyeho ubwigenge. Iki kiganiro cyari kiyobowe na Bwana Cléophas BARORE, umunyamakuru w'impuguke mu gusesengura amakuru ya politiki mu Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Itangazamakuru (RBA).



Cléophas BARORE (hagati) ayoboye ikiganiro

Insanganyamatsiko y'iki kiganiro cyateguwe n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yari "Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere demokarasi u Rwanda rwahisemo", kikaba cyari kigamije gukomeza kugaragariza abanyarwanda uburyo Imitwe ya politiki n'Abanyapolitiki bo mu Rwanda muri iki gihe biyemeje kugendera ku mahame ya demokarasi no gukora politiki yubaka u Rwanda ikanateza imbere Igihugu n'abagituye nta guheza.

Mu gutanga iki kiganiro, abasesenguzi Hon. MUGESERA Antoine, inararibonye mu bya politiki n'amateka , Dr. NDUSHABANDI Eric, Umushakashatsi akaba n'Impuguke mu bya Politiki, Madamu MUTIMUKEYE Nicole, Perezida wa Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe Itumanaho no Kungurana ibitekerezo na Depite MUKAMANA Elisabeth, Umuvugizi w'Ihuriro basobanuriye Abanyarwanda impamvu u Rwanda rwahisemo demokarasi ishyira imbere ibiganiro, kujya inama, gusangira ubutegetsi nta bwikanyize, no gushaka umuti w'ibibazo mu bwumvikane busesuye n'uruhare rw'Imitwe ya politiki muri iyo nzira.

Mu gutangira ikiganiro, Umuvugizi w'Ihuriro yibukije abagikurikiye ko Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ari urubuga rusesuye Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda ihuriramo ikungurana ibitekerezo, ikaganira ku bibazo biremereye Igihugu, igatanga inama kuri politiki na gahunda z'Igihugu hagamijwe kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.

Yavuze ko Ihuriro ritegura iki kiganiro buri tariki ya 01 Nyakanga kuko aribwo u Rwanda rwahawe ubwigenge. Ati "*Kubera inkubiri y'Imitwe ya politiki yariho, yibeshye ko ariyo yabuharaniye, inabuhawe, aho guharanira koko ubwigenge nyakuri bw'Igihugu n'abagituye, bakiyobora bakiganisha mu mwiryane no mu macakubiri yageje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi*".

Hon. Mugesera na Dr. NDUSHABANDI bagaragaje ko kuva mu myaka y' 1959 ari bwo hatangiye icyiswe inkubiri yo gushaka ubwigenge no kwimakaza ubutegetsi bushingiye kuri demokarasi n'ivuka ry'Amashyaka.

Bavuga ko, amashyaka yavutse ahanini muri iyi nkubiri y'ubwigenge, amwe yavutse ashingiye ku nkingi yo kurwanya ubukoloni, ashaka ko Igihugu kibona ubwigenge bw'ako kanya, kikayoborwa n'Abanyarwanda, kikagira demokarasi ishingiye ku mubano mwiza n'ubwubahane hagati y'amoko, andi avuka ashingiye kuri politiki yo gushyigikira abakoloni, gukorana nabo mu gihe nibura kigera ku myaka mirongo ine (40) bakazabona ubwigenge nyuma, andi yo yari afite intego yo kwigizayo igice kimwe cy'abanyarwanda (Abatutsi) cyafatwaga nk'aho ari nyirabayazana w'ibibazo by'akarengane, aya mashyaka yari ashingiye ku murongo wo kurengera inyungu z'abantu bamwe.



Bibutsa ko muri rusange, aya mashyaka yaranzwe no kutareba kure, ingengabitekerezo zayo zizirika u Rwanda ku ngoyi y'ibibazo by'amacakubiri n'amakimbirane hagati y'Abanyarwanda. Bavuga k'uruhare rw'Abanyapolitiki n'amashyaka mu gihe cya Repubulika ya mbere n'iya kabiri, bavuze ko tariki ya 01 Nyakanga 1962, aribwo u Rwanda rwahawe ubwigenge n'Abakoloni b'Ababirigi bari bararugize imbata; bavuga ko ubutegetsi bwa Kayibanda bwaranzwe no gutuka no gutesha agaciro abatutsi, gushyira iterabwoba ku batutsi, kwica abatutsi no kubirukana mu mashuri no mu kazi. Ubutegetsi bwa Habyarimana, buza bwitwaje guharanira ubumwe n'amajyambere y'Igihugu, ashyiraho ishyaka rimwe rukumbi rya MRND. Nawe ntiyashoboye kwigobotora bya bitekerezo bibi bishingira ku macakubiri, yimakaza iringaniza riheza, rikanatonesha bamwe. Izi nararibonye muri politiki zabwiye abari bakurikiye iki kiganiro ko ubu butegetsi bwaranzwe no guheza Abatutsi, kwima impunzi z'Abatutsi uburenganzira ku Gihugu, Politiki y'ivangura yiswe iy'iringaniza ry'amoko n'uturere, akarengane kakorewe bamwe mu banyarwanda mu kwimwa amashuri n'ubwikanyize mu gutanga imirimo, n'itotezwa ry'Abatutsi ryagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994. Bavuze ko iri shyaka ryihariye ubutegetsi kugeza mu w'1991 ubwo Leta yemeraga ihame ry'amashyaka menshi nyuma yo kwotswa igitutu n'intambara ya FPR-Inkotanyi ndetse n'imiryango mpuzamahanga.

Muri iki kiganiro kandi, abagitangaga bagarutse ku rugamba rwo kwibohora ingoyi y'izo politiki z'amacakubiri, aho byasabye urugamba rurerure rwatangiye mu Ukwakira 1990 ruyobowe n'Umuryango FPR-Inkotanyi; rurangira muri Nyakanga 1994, ubutegetsi bw'igitugu bwirukanywe burundu mu Rwanda. Tariki ya 04 Nyakanga akaba aribwo u Rwanda rwizihiza buri mwaka Ukwibohora kw'Igihugu cyacu, umunyarwanda yongera kugira ishema ry'Igihugu cyamubyaye.

Bati "*Abanyapolitiki n'Imitwe ya politiki ubwayo, yaba iyitabiriye kurwanya ubutegetsi bw'igitugu bwakoze Jenoside, ndetse Imitwe ya politiki yavutse nyuma ya 1994, uruhare rwayo mu kubaka u Rwanda rushya rurangwa n'ubwigenge nyabwo na demokarasi ishingiye ku gusangira ubutegetsi, gutanga ibitekerezo mu bwisanzure no gufata ibyemezo mu bwumvikane busesuye*".

Umuvugizi w'Ihuriro yasoje ikiganiro yerekana ko demokarasi u Rwanda rwahisemo yubakiye ku nkingi z'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda, ubwumvikane, ibitekerezo bya politiki binyuranye, isaranganya ry'ubutegetsi, imiyoborere myiza, iterambere; guha abaturage amahirwe angana mu mibereho yabo, ubworoherane no gukemura ibibazo binyuze mu nzira y'ibiganiro.

## IHURIRO RYASOBANURIYE INTUMWA Z'AFURIKA YUNZE UBUMWE/AU UKO ZIRI KWITEGURA GUKURIKIRANA AMATORA

Itsinda ry'abantu batandatu (6) barimo abakozi b'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika (AU) n'inzobere mu matora, ryoherejwe mu Rwanda mu igenzura ry'imyiteguro y'amatora y'abadepite ateganijwe muri Nzeri uyu mwaka.

Kuri uyu wa 24 Nyakanga 2018, nibwo iri tsinda ryagiranye ibiganiro n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki (NFPO), zigamije gusobanurirwa aho imyiteguro yo gukurikirana imigendekere y'amatora igeze mu Ihuriro n'Imitwe ya politiki muri rusange nk'abafatanyabikorwa ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (KIA/NEC) mu bikorwa by' amatora.
Bwana BURASANZWE Oswald, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro wakiriye izi ntumwa, yazibwiye ko Ihuriro ari urubuga Imitwe ya Politiki yunguraniramo ibitekerezo, ikaganira ku bibazo biremereye Igihugu; igatanga inama kuri politiki na gahunda z'Igihugu; avuga ko ari urwego rufasha mu kongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki irigize, kandi rugafasha gukemura amakimbirane no gushimangira imyitwarire ikwiye kuranga Imitwe ya politiki.



*Abagize iri tsinda basobanurirwa imikorere y'Ihuriro*



Umunyamabanga Nshingwabikorwa yakomeje asobanurira iyi delegasiyo imikorere n'imikoranire y'Ihuriro n'izindi Nzego, inshingano zaryo n'ibyo rimaze kugeraho; uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro, aho rikura ingengo y'imari n'uburyo ikoreshwa.
Avuga k'uruhare rw'Ihuriro mu bikorwa byo gukurikirana imigendekere y'amatora, Bwana BURASANZWE yababwiye ko kuva Ihuriro ryajyaho mu mwaka wa 2003, Ihuriro ryagiye rikurikirana imyiteguro y'amatora, amatora ny'iri zina n'uko abaturage bishimira ibyayavuyemo nyuma yo gutora.
Aha yababwiye ko Ihuriro rigena indorerezi ijana (100) zitangwa n'Imitwe ya politiki yose igize Ihuriro bagahabwa ubutumwa n'Ihuriro bwo gukurikirana imigendekere y'amatora hakurikijwe Itegeko rigenga amatora, amabwiriza yashyizweho na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'amabwiriza yihariye ashyirwaho n'Ihuriro arebana n'indorerezi ryohereza.

Abagize iri tsinda babajije imikoranire y'Ihuriro na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu bikorwa byose byo gutegura amatora, Bwana Burasanzwe Oswald yababwiye ko, Ihuriro rigizwe n'Imitwe ya politiki kandi aribo bafatanyabikorwa b'ingenzi mu bikorwa by'amatora, ababwira kandi ko mu gutegura amategeko n'amabwiriza, Komisiyo igeza iyo mishinga ku Nama Rusange y'Ihuriro kugira ngo bayitangeho ibitekerezo. Avuga ko, Ihuriro rigena indorerezi zikurikira imigendekere y'amatora nyuma rigatanga raporo igaragaza ibyakozwe neza n'ibikwiye kunozwa iyo bihari.
Izi ntumwa zavuze ko atari ubwa mbere mu Rwanda AU yohereje itsinda rigenzura amatora kuko no mu matora aheruka y'Umukuru w'Igihugu, uyu muryango wohereje indorerezi 40. Bavuga ko icyo bo bagamije ari ukujya inama nk'abandi bafatanyabikorwa bose ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Izi ntumwa zavuze kandi ko atari Ihuriro gusa zisuye, ahubwo zahuye na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, zigomba kandi kubonana n'izindi nzego zitandukanye zirimo Sosiyete Sivile, inzego z'abagore, urubyiruko n'abandi bose bakorana na Komisiyo.
Izi ntumwa zashimye uko u Rwanda rwahisemo demokarasi ishyira imbere ubwumvikane n'ubumwe by'Igihugu, aho gushyamirana nk'uko bikunze kugaragara muri bimwe mu bihugu by'Afurika.



*Saadatu Bowsan, waturutse mu gihugu cya Nigeriya*